



Volkswagen "Gikeri" umwami w'imodoka zo hambere



Esther Mbabazi umunyarwandakazi utwara

Taliki ya 8 Werurwe ya buri mwaka isi yose yizihiza umunsi w'umugore kuva mu 1909, buri mwaka uyu munsi uhabwa insanganyamatsiko zitandukanye zigamije kwibutsa abatuye isi ko umugore ari moteri y'iterambere ry'umuryango.

Umunsi mwiza babyeyi bacu mwe mvano yo kubaho kwacu

Menya byinshi utari uzi kuri Visa kadi (Card)?



Muri iyi minsi mu Rwanda abantu benshi bari kugenda bakangurirwa gukoresha ikarita ya Visa ariko ugasanga hari byinshi batayiziho. Umuntu akaba yakwibaza ati ese ikora ite? ikoresha iki? imara iki? VISA ni ikarita yifashishwa mu bucuruzi; iyi karita icuruzwa na sosiyete ya Visa International Service Association. Uyifite ashobora kujya mu maguriro agahabwa ibicuruzwa nta mafaranga afatika (inoti cyangwa ibiceri afite) atanze nkuko tubime-nyereye. VISA siyo karita yonyine ishobora kwishyurirwaho muri ubwo buryo, kuko hari n'izindi nka MASTERCARD, AMERICA EXPRESS...

Yatangiyeye gukora mbere y'uko ibihugu byinshi bya Afrika bibona ubwigenge. Amateka ya Visa

yatangiyeye mu 1958 igihe imwe mu mabanki yo muri Amerika, Bank of America yatangizaga serivisi z'ikarita yaheshaga uburenganzira nyirayo guhaha adakoresheje amafaranga. Iyi karita yaje kubatizwa Visa mu 1976. Mu Rwanda Visa imaze iminsi itangiye kuhakorera, iyi ikaba yarabaye intambwe cyane ku banyarwanda bakora ubucuruzi, dore ko kuyibona bitagoye (egera banki yawe gusa), kandi ikaba ikora mu bihugu birenga 160 ku isi yose! Ikorana n'ibigo by'ubucuruzi birenga miliyoni 20 (www.wikipedia.org). Kugira ngo ukoreshe Visa biragusaba iki? Nta kindi kitari ukugana banki ikorana na Visa, ugafungura konti. Aha byaba byiza utibagiwe gufungura konti yawe mu madolari cyangwa

se wenda amayero kugira ngo bijye bikorohereza mu gihe ugiye hanze y'igihugu. Ikindi kandi, ni ngombwa gusobanurira umukozi wa banki ugiye kugufungurira konti ko ikarita yawe ushaka kuyikoresha mu guhahira kuri interineti, kugira ngo agufashe kurushaho. Amakarita ya Visa aboneka mu byiciro byinshi binyuranye bitewe n'impamvu runaka nka konti ya nyirayo uko ingana. Uko zigenda zitandukana ni nako zirutana kuri serivisi nyirazo ashobora kuzikoresha.

Uyifite ashobora :

- Guhahira kuri interineti nk'amaunites yo guhamagara ukoresheje Skype, Gmail, kuhagurira ibitabo,...

- Kwishyura mu maduka nka Nakumatt, Simba, n'izindi.

- Kwishyura amafagitire mu maresitora n'amahoteli. Nkuko tubikesha urubuga rwa www.visa.com, hari izindi serivisi nyinshi ziri guteganywa kugezwa ku bakoresha Visa. Mbese waba wari uziko...? Amakarita yose ya Visa aba afite imibare itangirwa n'umubare wa 4 ? Ngayo nguko nawe itabire gukoresha iyi karita utazacikanwa n'iterambere. Source: zahabutimes

Niyonzima Said

Urifuza ko wabona Rafiki Journal kuri Email yawe, twandikire kuri : clubrafiki1974@gmail.com cyangwa utwoherereze iyawe wifashishije :

0783 946 595 cyangwa 0726 888 312

Umujene w'umukobwa iterambere rimubwiye iki?



Esther Mbabazi umunyarwandakazi utwara indege

Buri mwaka u Rwanda rwifatanya n'amahanga kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore, ikinyamakuru cy'urubyiruko Rafiki Journal cyegereye abajene

baraganira uyu duherereho ni Jeanne aherereye mu murenge wa Kanyinya avuga ko umunsi w'umugore umwibutsa ko agomba guhora aharanira gutera imbere. Twanaganiriye kandi na Nadine w'i Nyamirambo we asanga umunsi w'umugore atari umunsi ukwiye kutwibutsa ko tugomba guhangana n'igitsina gabo ahubwo dutekereze ku nzira yo guhuza ibitekerezo n'imihigo bityo iterambere ryacu tukarigeraho kimwe.

Steve umwe mu banditsi ba Rafiki Journal we asanga imyumvire ijamba Uburinganire n'ubwuzuzanye byarakiriwe mu buryo butari bwiza mu muryango nyarwanda, umugore yumva ko ahawe uburenganzira budasanze nko kujya mu kabari agataha igicuku kinishye, umugabo we yumva ko yambuwe ubuyobozi bwo kuba umutware mu rugo, iyo myumvire ikomeje guteza amakimbirane muri iki gihe, ubukangurambaga bukomeze bityo twikomereze gutezanya imbere.

ubwanditsi

UBUMENYI N'IKORANABUHANGA

Nigute washyira ingufuri (password) muri document yawe iri muri mudasobwa



[Inzira ya mbere : Ku bakoresha Microsoft office 2007](#)

Mwongeye kuramuka basomyi ba guteto, nk'uko intego yacu igira iti 'be smart do it yourself' idushishikariza kumenya kwikorera ibintu ubwacu tutiriwe tubaza cyangwa duhamagara abandi. Ni muri urwo rwego uyu munsi tugiye kwiga uko wafunga document yawe ya wadi (Ms word) ugashyiramo ijamba ry'ibanga kuburyo ntawundi

muntu wayisoma kabone n'ubwo yaba iri ku mugaragararo.

Biroroshye!

- Fungura microsoft office yawe ubundi wandike document yawe bisanzwe cyangwa se niba inasanzwe yanditswe,

- Jya hejuru aho ujya ugiye gu saving ubundi urebe ahanditse Prepare

- Jya ku ruhande ahandi encrypt document

Numara kuhakanda urabona akantu gafungutse wandikemo ijamba ry'ibanga cyangwa password, barakagarura uyandikemo bwa kabiri ubwo biraba bibaye . Nuyifunga ukongera kuyifungura ntiri bufunguke utabanje gushyiramo rya jambo ry'ibanga

[Inzira ya kabili : Ku bakoresha Ms Office 2010](#)

Niba ukoresha 2010 (reba iyo document ifunguka hiyandikaho umwaka) , wowe kurikiza ibyo twavuze haruguru ariko ntaho uri bubone handitse Prepare , urajya ahanditse Info , hanyuma ahanditse Protect document hanyuma ujye kuri encrypt ubundi wandikemo ijamba ry'ibanga nk'ibisanzwe.

[Icyitonderwa:](#) Ushyiremo ijamba ry'ibanga wibuka , atari ibyo ushobora kuwibagirwa kandi ubikeneye cyane.


Source : www.guteto.com

Saidi NIYONZIMA

Volkswagen “Gikeri” umwami w’imodoka zo hambere

Igitekerezo ubundi ngo ni icya Adolph Hitler, cyavuyemo imodoka yagurishijwe cyane kurusha izindi zose ku Isi.

Mu 1945 imodoka idasanzwe ya Volkswagen yatangiye gusohoka mu Budage ijya gucururizwa mu bihugu by’iburayi. Mu bihe byayo bya mbere ntiyakunzwe. Akamodoka kabi, gafite n’urusaku, abongereza bahise bagahimba “Beetle” (agasimba kameze nkayo), abanyarwanda bo bayise gikeri ubwo bayibonaga mu myaka ya za 1965...



Beetle agasimba bagereranya na VW



Iyi modoka yaje kwamamara mu Bwongereza kubera abacuranzi bitwa “Beatles” bari bagezweho cyane mu myaka ya 1960, Volkswagen Beetle aba baririmbyi rurangiranwa ba “Beatles” batangiye kujya bayigenderamo. Mu myaka itarenze 10 Volkswagen Gikeri yari imaze kugurishwa kurusha imodoka izindi zose. Mu 1972 ahitwa Wolfsburg mu Budage, Gikeri igira iya 15,007,034 yagurishijwe. Kari agahigo mu

bucuruzi bw’imodoka ku isi. Kugeza mu 2003 bene izi gikeri zirenga miliyoni 21.5 zari zimaze kugurishwa ku isi hose. Yari imaze kuba imodoka ya rubanda nkuko abayikoze babishakaga nkuko byemezwa n’umuhanga mu gukora imodoka akaba n’umwanditsi muri The Guardian Jonathan Glancey.

Gikeri Imodoka yamamaye Burya ngo ubonye nyina ashaje agirango izo bamukoye zapfuye ubusa,



niyo mpamvu mu bato babona izi za Gikeri za cyera ubu mu muhanda baziseka cyane ngo ni imodoka mbi, ariko mubajije abakuru cyane bababwira ibigwi byazo, yaba mu Rwanda no ku Isi. Igitekerezo cyo kuyikora cyatanzwe n’umukuru w’Aba Nazi Adolph Hitler ariko ntibyayibujije gukundwa no muri California ya USA.

Mu gihe cyayo, yari ihendutse, ikomeye, idasaba byinshi kandi isa ukwayo. Volkswagen “Gikeri” yari mu bitekerezo mu 1934 ubwo Adolph Hitler yabonanaga n’umunyenganda Ferdinand Porsche akamusaba gukora imodoka zihendukiye rubanda, zishyurwa make kandi zikomeye. Volkswagen “Gikeri” yabashije gukorwa nyuma y’intambara y’isi mu 1945.

Mbere gato y’intambara ubwo Porsche yari itangiye kuzikora, uruganda rwa Tatra rwo muri

Republique Tcheque rwareze Porsche ko yabibye ‘design’, Tatra yatsinze urubanza ariko Hitler ahita atera Republique Tcheque aranayifata. Nyuma y’intambara VW yishyuye Tatra amafaranga menshi ngo ituze, ariko kugeza ubu izi modoka zari zimaze kwamamara ku isi.

Yagurishijwe cyane muri Amerika ubwo bayamamaje bagira bati “Think Small” mu 1959, nyuma y’imyaka itarenze 10 yahise iba imodoka yagurishijwe cyane muri USA.

Yatangiye gucuruzwa henshi ku Isi, ndetse mu 1998 batangira gukora VW Golf zijya gusa ariko Gikeri ikomeza kuba Gikeri nubwo Golf yazanye utuntu twisumbuyeho mu byuma kurusha Gikeri iriya.

Iyi minsi, ibifaranga byabaye byinshi ku Isi (si bose ariko babifite), ubu abantu ntibatekereza kugura “Gikeri” kuko ushoboye kugura imodoka atekereza ku modoka nziza nini.


Gikeri, umwami w’imodoka zo hambere ubu yinjiye mu bushyinguramodoka bw’uruganda rwa VW. Ku isi ntabwo ikigurishwa, ndetse no mu Rwanda uyigenderamo agaragara nk’umwihariko n’igitangaza. Nta modoka ku Isi yamamaye igihe kinini ku Isoko nka VW Gikeri, kuko yacurujwe imyaka 65 (1938 – 2003) yihariye Isoko ry’imodoka ku isi.

SIBOMANA Steve



Aka ko se kaje gate?

Urukundo rw'ukuri ntirusaza



Umusaza Bob Phillips w'imyaka 87 yandikiye akabaruwa umufasha we Gail mu gihe bari bizihije isabukuru y'imyaka 61 babana. Dore uko ako kabaruwa kari gateye.

Mukundwa Gail,

Mpora ndeba amafoto yo mu binyamakuru bitandukanye nshakisha niba hari cyangwa hazabaho uw'igikundiro nkawe, Ibi nabitangiye kuva ku italiki 27 Kamena 1953, kugeza ubu, ariko namaze kubona igisubizo, Ntawe kandi nta nuzabaho iwanjye uzigera agira urukundo nkurwawe, kuko mu bukwe bwacu wagaragaraga mu yindi shusho nziza ntigeze mbona mu buzima bwanjye kugeza nanubu ntarabonana undi, kandi ikigaragara cy'ukuri nuko na nubu ariko ukiri.

Isabukuru nziza buryohe bw'umutima wanjye, wandemeye ibyishimo kandi nanubu ngifite kubera wowe, ndetse wangize n'umugabo w'icyubahiro buri umwe wese atapfa kuba, nakwifuza ko unyemereye twakongera tugasezerana bundi bushya, kandi ndizera ko no mu ijuru tuzakomerezayo ubundi buzima jye nawe.

Yari ugukunda by'ukuri kandi uhora akwifuriza n'umunezero w'iteka Bob Phillips.

Gaby

EJO HACU

Iterambere ry'umugore ryaba ryugarijwe n'ibibazo bimwe na bimwe

Nubwo u Rwanda rumaze gutera intambwe mu nzira yo gushyigikira uburinganire no guteza imbere umugore haracyari imbogamizi nyinshi zituma hatagerwa ku ntego ku rwego rwo hejuru.

Zimwe muri izo mbogamizi zigihari ni izi zikurikira :

Ubwiyongere bw'abaturage buri hejuru y'igipimo cy'ubukungu : mu gihe hakiri umubare munini w'abaturage uruta umusaruro w'igihugu mu by'ubukungu biracyagoye kuvuga ko uburinganire no guteza imbere umugore bizagerwaho ijana ku ijana.

Umubare munini w'urubyiruko rudafite akazi : mu Rwanda urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 30 rugize 75% by'abaturage ariko ngo igiteye inkeke nuko umubare munini w'abo utagira imikorere ibyara inyungu.

Umubare munini w'urwo rubyiruko rudafite akazi kandi ngo ugizwe n'abakobwa akaba ari

nayo mpamvu usanga ibikorwa byo guteza imbere umugore bikwiye kugera no k'urubyiruko rw'abakobwa.

Ubujiji mu icungamutungo : umubare utari muke w'abagore nturamenya akamaro ko gukorana n'ibigo by'imari.

Guverinoma y'u Rwanda ntiyaretse ngo izo mbogamizi zikomeze kuba inzitizi y'iterambere ry'umugore ahubwo yashatse uko yakuraho izo mbogamizi, tukaba tugiyeye kureba zimwe mu ngamba zafashwe :

- Gushyira imbaraga mu guteza imbere gahunda zose zirebana n'uburinganire
- Gushyira ingufu mu kubaka ubushobozi bw'umugore mu

ngeri zose hagamijwe kumuha umwanya wo kwerekana ubushobozi bwe mu iterambere n'imibanire

- Gukomeza imikoranyire n'ibindi bihugu haba muri Afrika ndetse no ku isi muri rusange.
- Gukomeza gushimangira amahoro, ubumwe n'ubwiyunge nk'inkingi y'iterambere rirambye.

Byanditswe hifashishijwe inyandiko "Advancing Rwanda through Women's Empowerment and Gender Equality" yateguwe n'inteko inshinga amateguko y'u Rwanda itegurwa na www.agasaro.com

**Omar Tony
NSENKUMUREMYI**

Abakobwa n'abagore barahenze pe!



Uri mwiza si ukubeshya

- Amaso** : amadarubindi (lunette) za layban cyangwa Fume atari zimwe za nyabugogo na tiro ya marike igezweho
- Umunwa** : rouge a levre, cyangwa labero bityo iminwa ikarangaza abayibonye bose
- Mu maso** : Poudre na Maquillage bidahendutse
- Mu ijosi** : agakufi keza (Chainnette) ka zahabu cyangwa ka arija (argent)
- Amabere** : isutiye
- Ukuboko** : Igikomo n'isaha bidasanzwe
- Ku ntoki** : impeta nyinshi zitandukanye
- Inzara** : zisize vernis cyangwa ihina bitari pirate

- Ikibuno** : Ikariso imukwiriye neza kandi itari ibonetse yose
- Amaguru** : Ipataro, ikabutura, kola cyangwa ijipo bimugundiriye cyane ku kibuno,
- Mu kaboko** : Isakoshi itari zimwe babunza ahabonetse hose,
- Mu kirenge** : Inkweto zigezweho zitambawe na buri wese
- Igitsina** : Cotex rimwe na rimwe Nidushyizeho amavuta ahumura ukwayo n'imibavu ya garuka unshubire aba yikwijeho tutibagiwe na kontineri z'ibyo bikoresho aba yibitseho kugira ngo uko umubonye ubonye none bibe bitandukanye n'uko uzamubona ejo. , kandi ibi byose bijyana n'imirire itadindiza iryo toto ritoneka buri wese. Umusirikare yaravuze ngo : “ Nta mbunda yirasisha”

Joseph Desire

Abagore n'abakobwa barahenze nawe se ko buri gice cy'umubiri wabo gikeneye amafaranga, abarabu bamaze kubibona batyo ati : Umugore ni umutako buri wese akwiye kubona ukamunezeza, nawe bitekerezeho :

- Umutwe** : iyo udasutse uba udefiriye, kandi byarakozwe na salon zizwi.
- Amatwi** : amaherena ajyanye n'imyenda wambaye

AMASHYENGO N'IKARISHAYABWENGE

- ⇒ Umugisha nibyo utanze utibuka, uwo ubihaye ntabyibagirwe. **Elizabeth Bibesco**
- ⇒ Abantu beza ntibaba beza ibihe byose, nubwo abantu ari beza. **Anonyme**
- ⇒ Ejo hashize harshize. Ejo hazaza ntiharaza. Uyu muni ni intangiriro. **Mother Teresa**
- ⇒ Ntugate igihe cyawe utimbagura ikibambasi, ahubwo uzagite ushyiraho idirishya. **Coco Chanel**
- ⇒ Gushyirahamwe ni intangiriro, kubika hamwe ni iterambere, gukorera hamwe ni intsinzi. **Henry Ford**
- ⇒ Kugera ku ntsinzi y'ubuzima bigusaba ibintu 2 : kwemera ko hari ibyo utazi ndetse no kwigirira icyizere. **Mark Twain**
- ⇒ Intangiriro izakugeza ku iterambere ni ugushaka. **Napoleon Hill**
- ⇒

- ⇒ Gutsinda ni ukubura umwalimu mubi, ukegera abantu basobanutse bakaguha inama y'ibyo wabuze. **Bill Gates.**
- ⇒ Kwiga bizaguha kubaho, ariko kwiyigisha bizaguha kuba umuherwe. **Jim Rohn**
- ⇒ Gutsinda si impamvu y'ibyishimo, ibyishimo ni urufunguzo rwo gutsinda, kunda ibyo ukora uzagera ku intsinzi. **Albert Schweitzer**
- ⇒ Iterambere ni inzozi niba nta mpinduka, iyo mpinduka zitaturimo ntacyo ubwenge bwacu bwabikoraho. **George Bernal Shaw**
- ⇒ Niba ntacyo wigomwe, ntuzategereze iterambere. **Frederick Douglass**
- ⇒ Hinduka ubwawe n'isi izaboneraho. **Mahatma Gandhi**

Byateguwe na Omar Tony NSENGUMUREMYI

Ubuhinde: Gari ya moshi zigenewe abagore gusa

Hashize imyaka myinshi abagore bagenda muri za gari ya moshi zo mu Buhindi zitwara abakozi kandi ziba zipakiye cyane, bahanganye n'ikibazo cy'abagenzi b'abagabo bagenda babatuka, babakorakora, bakabanosha kandi ugasanga babitegereza cyane bakanabajubya. Hari ikinyamakuru cyo mu mugwi wa Kalikuta cyavuze ko "kubera ko abantu bakomeje kubyinubira cyane, leta yafashe umwanzuro wo kujya ivana abagabo bose muri gari ya moshi zimwe na zimwe" (*The Telegraph*). Ibyo byatumye mu migi minini yo mu Buhindi, urugero nka New Delhi, Mumbai, Chennai, na Kalikuta haba umubare runaka wa za gari ya moshi zigenewe "abagore gusa." Abagenzi b'abagore bavuga ko ibyo byabanejeje cyane. **Joseph K.**



Ngayo nguko !!!

IMIKINO

Maradona na Pele nibo bakinnyi banze kwibagirana mu mupira



Uyu mukinnyi w'umupira w'amaguru ukomoka mu gihugu cya Argentina yatwaye igikombe cy'isi mu wa 1986, ibikombe 2 mu Butaliyani akinira ikipe ya Napoli. Maradona ku giti cye yatwaye igikombe cy'isi ubwo Argentina yatwaraga igikombe cy'isi cya 1986.



2. Pele
Ngo yatsinze ibitego birenga 1000 mu gukina umupira w'amaguru anatarwaga igikombe cy'isi inshuro 3 mu ikipe y'igihugu ya Brazil. Ngo yatwaye ibikombe 3 akinira ikipe ya Santos yo muri Brazil. Pele yakinaga hose kuko yanarindaga izamu kandi ari rutahizamu.

Steve SIBOMANA

BYENDA GUSETSA



Wari uziko hari amazina afite icyo asobanuye utari uzi ? Iyumvire nawe ibyo bisobanuro !!!

IHENE: Institut Homogene des Elèves Non Eduqués.

* etc: End of Teacher's Capacity.

* BAR: Bureau pour l'Amitie et le

Renseignement.

* ICUPA: Institut des Copins Unis Pour l'Alcol.

* PRISON: Place Reservée aux Indisciplines Sous l'Ordre National.

* FANTA: Foolish of Africa Never Take Alcohol.

* PRIMUS: Punissez Régulièrement les Ivrognes pour Maintenir l'Unité Sociale.

* SIDA: Syndrome Inventé pour Décourager les Amoureux.

* WISKY: Wiyijyana Imuhira Siho Kamara Yinywere aha.

* MUTZIG: Muzane Umushahara Tuzinywe Zishire Ikibyimbye Giturike. ariko ntago ndi umusinzi !!!!

Saidi NIYONZIMA



RAYAANI, RAYAAANI !!!

UYU MUNSI TUGIYE KUMENYA RAYANI W'UKURI UWO
ARI WE. NDAJE NGUPFURE NKUGABURIRE IBISIGA.

OYA FISTON, KARIYA TUKARIYE DUSHOBORA KURWARA.
KARIYA UREBA KANYOYE URUMOGI, BURIYA KUMVA
KAGIZE IMBARAGA ZIDASANZWE KANDI ARI NTAZO.
REKA TUKAREKE KAZAJYE KUGWA AHANDI.

ALLO, ALLO MUNTABARE CHERI
YANZANYE GUSURA PARIKI
ARI MUZIMA NONE YASAZE.



KAGERA PARK

Nkusart

RUBYIRUKO, NGO UMUSORE UMUHANA AJYAYO NT'UMUHANA
AVAYO. NYAMUNEKA MWIRINDE URUMOGI. URUMOGI
RUSHOBORA KUBAKURURIRA MUKAGA KARIMO N'URUPFU.